**IJAMBO RY'UMUVUNYI WUNGIRIJE KU WA 30/01/2024**

**Nyakubahwa Uhagarariye Urwego rw'Ubucamanza;**

**Nyakubahwa Executive Director wa Transparency International Rwanda,**

**Ba nyacyubahiro Bayobozi bo mu bigo bya Leta mwitabiriye iki gikorwa;**

**Batumirwa mukora mu itangazamakuru;**

**Ndabaramukije!**

Ndagira ngo ntangire iri jambo ryanjye nshimira Transparency International Rwanda muri iki gikorwa ngarukamwaka yadutumiyemo cyo gushyira ahagaragara ibyavuye mu bushakashatsi bwa *Transparency International* ikora ku miterere ya ruswa ku Isi ku bihugu 180 bwitwa *Corruption Perception Index 2023*.

By'umwihariko, nk'uhagarariye Urwego rw'Umuvunyi, iki gikorwa cya Transparency International ni umusanzu ukomeye itera mu bikorwa byo gukumira no kurwanya ruswa igihugu cyacu kihayemo intego cyane cyane nk'uko mubizi, u Rwanda rwihaye intego yo kutihanganira ruswa (zero tolerance to corruption) mu nzego zose; ibi bigaragazwa n'ubushake bwa Politiki bw'Abayobozi bakuru b'Igihugu.

Urwego rw'Umuvunyi rufite mu nshingano zarwo gukumira no kurwanya akarengane na ruswa rurashyira mu ngiro ibyo Igihugu cyiyemeje, aho mu Cyerekezo 2050 u Rwanda rwihaye kuba mu Bihugu bya mbere ku Isi mu Kurwanya ruswa, hateganywa kandi ko ikigero cyo kurwanya ruswa kizava kuri 86.56% (RGS 2016) kigere kuri 92.56% muri 2024. Muri gahunda z'igihe kirekire harimo kandi kubahiriza Intego z'Iterambere Rirambye (SDGs), Icyerekezo cy'Umuryango w'Ubumwe bw'Afurika 2063, Icyerekezo 2050 cy'Umuryango wa Afurika y'Iburasirazuba n'ibindi.

**Ba Nyakubahwa muteraniye hano,**

Intambwe u Rwanda rwateye mu kurwanya ruswa iragaragara hagendewe ku bushakashatsi butandukanye:

- Icyegeranyo ***Corruption Perception Index*** cya ***Transparency International*** (CPI) 2005 cyagaragazaga ko u Rwanda ari urwa 83 ku bihugu 158 n'amanota 3.1/10 mu gihe muri 2022 u Rwanda rwari urwa 54 ku bihugu 180 n'amanota 51 ariko uyu munsi u Rwanda rwabonye amanota 53% n'umwanya wa 49 ku Isi; muri Africa ni urwa kane n'urwa mbere muri Afurika y'Iburasirazuba (East Africa) mu kugira ruswa nke;
- Mu bushakashatsi bw'**Urwego rw'Igihugu rw'Imiyoborere (RGB)** bwitwa ***Rwanda Governance Scorecard***, ikigero cyo kurwanya ruswa, gukorera mu mucyo no kubazwa ibyo ukora (anti-corruption, transparency and accountability) ubu ikigero kigeze kuri 88.97% (RGS 2023) kivuye kuri 87.31% mu mwaka wa 2022, igihe mu mwaka wa 2010 u Rwanda rwari rufite 76.22%;
- Hari ubushakashatsi bwa **World Bank** bwitwa **World Governance Indicators/ Control of corruption pillar** bukorwa buri mwaka, bugaragaza intambwe u Rwanda rwateye na none aho mu mwaka wa 1996 rwari rufite 26.88%, ubu rukaba rugeze ku kigero cya 70.28% mu bushakashatsi buheruka bwa 2022;
- Sinarangiza navuze kuri *Rwanda Bribery Index* bwa ***Transparency International*** **Rwanda** yagaragaje ko ruswa mu Rwanda yagabanutse kuko mu mwaka wa 2022 yari kuri 29.10% ariko mu mwaka wa 2023 ikigero kiba 22%.

**Ba Nyakubahwa muteraniye hano,**

Kuba ubushakashatsi butandukanye bugaragaza ko ruswa igenda igabanuka bigaragaza ko ingamba zashyizweho zitanga umusaruro ariko n'urugendo rugihari kugira ngo rugere ku Icyerekezo 2050 rwihaye.

**[yongeyemo Abagize NACACI]**

Kugira ngo ayo mahitamo y'abanyarwanda yo kugira Igihugu kitarangwamo ruswa agerweho, habayeho gukorwa amavugururwa mu ngeri zitandukanye hanajyaho amategeko yafasha kugera kuri izo ntego zo kubaka Inzego zikorera mu mucyo no kubazwa ibyo zikora "Transparency and Accountability", hajyaho inzego za Leta zifite mu nshingano zazo kurwanya ruswa harimo urwego mpagarariye n'izindi.

Hashyizwe imbaraga mu gukoresha ikoranabuhanga mu mitangire ya serivise mu nzego zitandukanye (ubutabera_ IECMS, serivisi za Leta ziri ku Irembo_ E-service…) n'imitangire y'amasoko ikorwa mu buryo bw'ikoranabuhanga (e-procurement), gutanga akazi n'izindi.

Hashyizweho izindi ngamba zinyuranye zituma kurwanya ruswa no kubaka ubunyangamugayo bishinga imizi harimo gushyiraho Komite zo Kurwanya ruswa, Amahuriro y'urubyiruko yo Kurwanya ruswa, amasomo yo kurwanya ruswa uhereye mu mashuri abanza, ayisumbuye, amakuru na Kaminuza n'ibindi.

[Hongewemo: Hashyizweho politiki y'igihugu yo kurwanya ruswa guhera 2012, iteganya ingamba nyinshi zirimo urugereko rwihariye rwo kurwanya ruswa, amasomo yihariye ku banyeshuri etc. Iyi Politiki irimo kuvugururwa]

[icyaha cya ruswa ni icyaha kidasaza]

**Ba Nyakubahwa muteraniye hano,**

Uru rugamba ariko ntitwarwishoboza hatabayeho imikoranire n'izindi nzego, zaba iza Leta, iz'abikorera n'imiryango itegamiye kuri Leta. Muri yo, turashima uruhare rwa Transparency International Rwanda ku musanzu wayo mu gukumira no kurwanya ruswa mu gihugu cyacu.

Ubufatanye kandi burakenewe ku ruhare rw'umuturage aho abaturarwanda bakangurirwa kwanga ruswa, gutanga amakuru ya ruswa kandi ku gihe cyane cyane ko Igihugu cyakoze ibishoboka harimo gushyiraho Itegeko rirengera abatangamakuru ku byaha, ku bikorwa n'imyitwarire binyuranyije n'amategeko no koroshya uburyo bwo gutanga amakuru.

Mu gusoza, ndagira ngo nongere gushimira TI-RW, nshimira n'abafatanyabikorwa bayo mu bushakashatsi bunyuranye ku musanzu munini batera mu rugamba turimo rwo guhashya ruswa.

Imikoranire ni ngombwa kugira ngo tugere ku ntego zacu; Urwego rw'Umuvunyi tubijeje ubwo bufatanye.

Ndagirango nsoze rero iri jambo, nishimira itangazwa ry'ibyavuye mu bushakashatsi bwa *Corruption Perception Index 2023* n'uburyo u Rwanda rwazamutse ariko tugomba gukomeza kurwanya ruswa.

Murakoze.